n'amadolari ya Amerika ibihumbi mirongo itanu (50.000 USD);

c) nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abakozi b'abaporofesiyoneli b'Abanyarwanda;

d) nibura makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'abayobozi baba mu Rwanda;

e) nibura mirongo itanu ku ijana (50%) by'abagize Inama y'Ubutegetsi bari mu Rwanda aho bitabira inama z'Inama y'Ubutegetsi;

f) ibiro by'isosiyete biri mu Rwanda;

g) inama z'Inama y'Ubutegetsi zifata ibyemezo bikomeye ziteranira mu Rwanda;

h) imyanzuro y'Inama y'Ubutegetsi ibikwa mu Rwanda kugira ngo ishyirwe ahizewe umutekano;

i) abagize Inama y'Ubutegetsi babiri (2) bo mu gihugu

States Dollars (USD 50.000);

c) at least thirty per cent (30%) of professional staff are Rwandan;

d) at least twenty-five per cent (25%) of directors reside in Rwanda;

e) at least fifty per cent (50%) of Board of Directors members who are in Rwanda for the meetings of the Board of Directors;

f) a physical office of the company in Rwanda;

g) meetings of the Board of Directors for strategic decisions are held in Rwanda;

h) resolutions of the Board of Directors are kept in Rwanda for safe keeping;

i) at least two (2) professional or qualified Rwandan resident

dollars américains (50.000 USD);

c) au moins trente pour cent (30%) des professionnels employés sont des Rwandais ;

d) au moins vingt-cinq pour cent (25%) des directeurs résident au Rwanda ;

e) au moins cinquante pour cent (50%) des membres du Conseil d'Administration sont au Rwanda pour les réunions du Conseil d'Administration ;

f) l'adresse physique du bureau de la société au Rwanda ;

g) les réunions du Conseil d'Administration pour les décisions stratégiques se tiennent au Rwanda ;

h) les résolutions du Conseil d'Administration sont gardées pour conservation au Rwanda ;

i) au moins deux (2) membres du Conseil d'Administration sont des

b'abaporofesiyoneli babishoboye.

5 º igipimo cy'umusoro ku nyungu z'amasosiyete kingana na gatatu ku ijana (3%) ku bihembo biva mu mahanga gihabwa umushoramari wanditswe ukora nk'isosiyete y'umutungo bwite mu by'ubwenge, iyo yujuje ibisabwa bikurikira:

a) amafaranga akoreshwa buri mwaka mu Rwanda angana nibura n'amadolari ya Amerika ibihumbi icumi (10.000 USD);

b) ibiro biri mu Rwanda;

c) kugira konti muri banki yo mu Rwanda;

d) nibura mirongo itatu ku ijana (30%) cyangwa batatu (3) mu bakozi baba mu Rwanda, harebwa abagize umubare munini;

e) nibura umwe (1) cyangwa makumyabiri na batanu ku ijana (25%) by'abayobozi baba mu Rwanda, harebwa abagize umubare munini;

members of the Board of Directors.

5 º A preferential corporate income tax rate of three per cent (3%) on foreign sourced royalties is granted to a registered investor operating as an intellectual property company, if he or she fulfils the following requirements:

a) annual expenditure in Rwanda of at least ten thousand United States Dollars (USD 10.000);

b) a physical office in Rwanda;

c) to have a bank account in a bank operating in Rwanda;

d) at least thirty per cent (30%) or three (3) of the staff are Rwandan residents, whichever is higher;

e) at least one (1) or twenty-five per cent (25%) of directors reside in Rwanda, whichever is higher;

professionnels ou des personnes qualifiées résidant au Rwanda.

5 º Un taux préférentiel d'imposition sur les bénéfices des sociétés de trois pour cent (3%) sur les redevances de source étrangère est accordé à un investisseur enregistré opérant en tant que société de propriété intellectuelle, lorsqu'il remplit les conditions requises suivantes:

a) les dépenses annuelles au Rwanda d'au moins dix mille dollars américains (10.000 USD);

b) l'adresse physique du bureau au Rwanda;

c) avoir un compte bancaire dans une banque opérant au Rwanda ;

d) au moins trente pour cent (30%) des employés ou 3 employés sont des résidents rwandais, le chiffre le plus élevé étant retenu ;

e) au moins un (1) ou vingt-cinq pour cent (25%) des directeurs qui résident au Rwanda, le chiffre le plus élevé étant retenu ;

f) nibura mirongo itanu ku ijana (50%) by'abagize Inama y'Ubutegetsi bari mu Rwanda mu nama z'Inama y'Ubutegetsi, mu gihe hari impamvu zituma abagize Inama y'Ubutegetsi badashobora guhura imbonankubone, bakora inama bifashishije uburyo bw'itumanaho rituma bashobora kuvuga bakumvikana;

g) inama z'Inama y'Ubutegetsi zifata ibyemezo bikomeye ziteranira mu Rwanda;

h) imyanzuro y'Inama y'Ubutegetsi ibikwa mu Rwanda kugira ngo ishyirwe ahizewe umutekano;

i) nibura abagize Inama y'Ubutegetsi babiri (2) b'abaporofesiyoneli cyangwa babishoboye.

**III. Umusoro ku bikorwa bishishikariza ishoramari ku mushoramari w'umugiraneza**

Ikigo cyashyizweho n'umushoramari

f) at least fifty per cent (50%) of Board of Directors members are in Rwanda for the meetings of the Board of Directors. In circumstances where physical presence is rendered impossible, the Directors participate in the meeting through the use of, means of communication by which they can simultaneously hear each other;

g) meetings of the Board of Directors for strategic decisions are held in Rwanda;

h) resolutions of the Board of Directors are kept in Rwanda for safe keeping;

i) at least two (2) professional or qualified Rwandan resident members of the Board of Directors.

**III. Preferential tax incentives for a philanthropic investor**

An entity established by a philanthropic

f) au moins cinquante pour cent (50%) des membres du Conseil d'Administration qui sont au Rwanda pour les réunions du Conseil d'Administration, en cas de circonstances rendant impossible la présence physique, les membres prennent part à la réunion par voie de communication qui leur permet de se parler et s'entendre simultanément ;

g) les réunions du Conseil d'Administration pour les décisions stratégiques se tiennent au Rwanda ;

h) les résolutions du Conseil d'Administration sont gardées pour conservation au Rwanda ;

i) au moins deux (2) membres du Conseil d'Administration sont des professionnels ou des personnes qualifiées résidant au Rwanda.

**III. Incitants fiscaux préférentiels pour un investisseur philanthropique**

Une entité établie par un investisseur

w'umugiraneza kandi byemejwe na Komite ishinzwe ishoramari ryigenga, gihabwa ibyemezo bishishikariza ishoramari bikurikira:

1 º impano n'amafaranga byoherererezwa ikigo hagamijwe kubishora mu bikorwa byacyo bifitiye rubanda akamaro ntibifatwa nk'imari yinjijwe bityo bisonerwa umusoro ku nyongeragaciro n'umusoro ku nyungu z'amasosiyete;

2 º ibicuruzwa na serivisi byaguzwe mu gihugu n'ikigo byishyura umusoro ku nyongeragaciro ku ijanisha rya zeru. Urutonde rw'ibicuruzwa na serivisi bigurwa mu gihugu rushyikirizwa Ubuyobozi bw'Imisoro;

3 º gusonerwa umusoro ku musaruro ukomoka ku kazi byubahirizwa ku banyamahanga binjijwe mu kazi n'ikigo basanzwe baba mu Rwanda, ariko abakozi b'abanyamahanga ntibagomba kurenga mirongo itatu ku ijana (30%) by'abakozi b'abaporofesiyoneli b'ikigo. Abakozi b'abanyamahanga b'ikigo basubizwa amafaranga bishyura arebana n'ubwiteganyirize bw'abakozi mu gihe bavuye mu Rwanda burundu.

investor and upon approval by the Private Investment Committee, is granted the following incentives:

1 º grants and funds transferred to the entity for the purposes of financing its social impact activities are not deemed revenues and are therefore exempted from value added tax and corporate income tax charges.

2 º goods and services procured locally by the entity are value added tax zero-rated. A substantive list of goods and services to be procured locally is submitted to the Tax Administration;

3 º an exemption of employment income tax is applied to foreign nationals recruited by the entity who ordinarily reside in Rwanda, provided that foreign employees do not exceed thirty per cent (30%) of the professional staff of the entity. Foreign employees of the entity are entitled to a refund of social security contributions paid, upon their permanent departure from Rwanda.

philanthropique et après approbation du Comité des investissements privés, se voit accorder les incitants suivants :

1 º les dons et les fonds transférés à l'entité aux fins de financer ses activités à impact social ne sont pas considérés comme des revenus et par conséquent ne sont pas sujets à la taxe sur la valeur ajoutée et à l'impôt sur les bénéfices des sociétés ;

2 º les biens et services achetés localement par l'entité sont assujettis à un taux nul de la taxe sur la valeur ajoutée. Une liste détaillée des biens et services à acquérir localement est transmise à l'Administration fiscale;

3 º une exonération de l'impôt sur le revenu est appliquée aux ressortissants étrangers recrutés par l'entité qui résident habituellement au Rwanda, à condition que les ressortissants étrangers ne dépassent pas trente pour cent (30%) des professionnels employés de l'entité. Les employés étrangers ont droit au remboursement des cotisations versées à la sécurité sociale lorsqu'ils quittent définitivement le Rwanda.

**IV. Igipimo cy'umusoro ku nyungu z'amasosiyete kingana na cumi na gatanu ku ijana (15%)**

Igipimo cy'umusoro ku nyunguz'amasosiyete kingana na cumi na gatanu ku ijana (15%) gihabwa abashoramari bakurikira:

1° umushoramari wanditswe ukora kimwe muri ibi bikurikira: kubyaza, gukwirakwiza cyangwa kugeza ku bafatabuguzi ingufu zikomoka kuri nyiramugengeri, imirasire y'izuba, amashyuza, amazi, biyomasi, gazi metani n'umuyaga. Iki cyemezo gishishikariza ishoramari ntikireba umushoramari ufitanye amasezerano na Leta y'u Rwanda yerekeranye n'amasoko ya Leta mu bikorwa byavuzwe akorwa mu izina ryayo;

2° umushoramari wanditswe mu byerekeranye n'ubwikorezi bw'ibintu n'ibikorwa bijyana na bwo, ukoresha nibura ikamyo eshanu (5) zanditswe mu mazina ye kandi buri kamyo yikorera nibura toni makumyabiri (20);

3° umushoramari wanditswe ukora ibijyanye no gutwara abagenzi n'ibintu

**IV. Preferential corporate income tax rate of fifteen per cent (15%)**

A preferential corporate income tax rate of fifteen per cent (15%) is granted to the following investors:

1° a registered investor undertaking one of the following operations: energy generation, transmission and distribution from peat, solar, geothermal, hydro, biomass, methane and wind. This incentive excludes an investor having an engineering procurement contract executed on behalf of the Government of Rwanda;

2° a registered investor in the sector of transport of goods and related activities whose business is operating a fleet of at least five (5) trucks registered in the investor's name, each with a capacity of at least twenty (20) tons;

3° a registered investor operating in mass transportation of passengers and goods

**IV. Taux d'imposition préférentiel sur les bénéfices des sociétés de quinze pour cent (15%)**

Un taux d'imposition préférentiel sur les bénéfices des sociétés de quinze pour cent (15%) est accordé aux investisseurs suivants :

1° un investisseur enregistré opérant dans l'un des secteurs suivants : la production, le transport et la distribution de tourbe, d'énergie solaire, géothermique, hydroélectrique, de biomasse, de gaz méthane et d'énergie éolienne. Cette incitation exclut un investisseur ayant un contrat d'approvisionnement pour des services d'ingénierie exécuté au nom du Gouvernement du Rwanda ;

2° un investisseur enregistré dans le secteur du transport des biens et autres activités connexes qui exploitent une flotte d'au moins cinq (5) camions enregistrés en son nom, chacun avec une capacité d'au moins vingt (20) tonnes ;

3° un investisseur enregistré dans le secteur du transport de passagers et des

ukoresha nibura bisi icumi (10) zanditswe mu mazina ye kandi buri bisi ifite ubushobozi bwo gutwara abagenzi nibura makumyabiri na batanu (25);

4º umushoramari wanditswe ugira uruhare mu gutunganya ibintu mu ruganda mu nzego z'inganda z'imyenda n'imyambaro, iz'ibikoresho bya elegitoroniki n'ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi, iz'ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi byaguye, iz'imbaho, iz'ibirahuri n'iz'ibikoze mu ibumba, izitunganya n'izongerera agaciro umusaruro w'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, n'iz'ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi;

5º umushoramari wanditswe mu rwego rw'ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi ushora imari muri kimwe muri ibi bikurikira: gutanga serivisi, gukora ibicuruzwa cyangwa guteranya ibikoresho. Iki gikorwa gishishikariza ishoramari ntikireba ubucuruzi bwo kudandaza cyangwa kuranguza ibyerekeye ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi n'imirimo yo gusana ibikoresho

with a fleet of at least ten (10) buses registered in the investor's name, each with a capacity of at least twenty-five (25) seats;

4° a registered investor involved in manufacturing within the sub-sectors of textiles and apparels, electronics information, and communication technology equipment, large scale agricultural operations, processing in wood, glass and ceramics, value addition and professional operations in mining and agricultural equipment;

5° a registered investor in the information and communication technology sector with an investment involving one of the following activities: information and communication technology and knowledge-based services, manufacturing or assembly. This incentive excludes information and communication technology retail and wholesale trade and information and communication technology repair

biens avec une flotte d'au moins dix (10) autobus enregistrés en son nom , chacun d'une capacité d'au moins vingt-cinq (25) sièges;

4° un investisseur enregistré actif dans la production dans les sous-secteurs du textile et de l'habillement, des équipements électroniques et des technologies de l'information et de la communication, des exploitations agricoles à grande échelle, du traitement du bois, des verres et des céramiques, chaine de valeur ajoutée et exploitations minières et des équipements agricoles;

5° un investisseur enregistré dans le secteur des technologies de l'information et de la communication dont l'investissement implique une des activités suivantes : les services, la fabrication ou le montage. Ces incitants fiscaux n'inclus pas le commerce de détail et de gros dans les technologies de l'information et de la communication, du secteur de la réparation des technologies de

by'ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi;

6º umushoramari wanditswe ushyiraho ikigo gishya cy'ubushakashatsi n'iterambere muri inovasiyo, ikigo gitanga amahugurwa mu by'ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi, laboratwari yo gukora no kugerageza za porogaramu z'ikoranabuhanga rya mudasobwa, ishuri rikuru ryihariye ry'ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi na inovasiyo, ikigo gitanga amahugurwa mu by'ubucuruzi n'ibikorwa bifitanye isano na byo mu rwego rw'ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi na inovasiyo;

7º umushoramari wanditswe wemerewe gukora nk'ikigo gicunga ibigega by'imari**,** ikigega cy'abishyize hamwe, ikigega cy'imari gihuriweho, serivisi zo gucunga umutungo w'abandi, ikigo cy'ubucuruzi gitanga inama mu rwego rw'imari, serivisi z'impuguke zigenewe umuryango, ushinzwe gucunga ikigega, ikigo cy'ubucuruzi gitanga serivisi z'ikoranabuhanga mu by'imari, ubwishingizi bushingiye ku buryozwe bw'isosiyete umwishingizi

industries and telecommunications;

6° a registered investor that establishes an innovation research and development facility, information and communication technology training centre, software build and test lab, information and communication technology and innovation specialised institution of higher learning, business incubation centre and related activities in the area of information and communication technology and innovation sector;

7° a registered investor licensed to operate as a fund management entity, collective investment scheme, wealth management services, financial advisory commercial entity, family office services, fund administrator, financial technology commercial entity, Captive Insurance Schemes, private bank, mortgage finance institution, finance lease commercial entity, Asset Backed Securities, reinsurance company, trust and

l'information et de la communication et des télécommunications ;

6° un investisseur enregistré qui établit un centre de recherche en innovation et développement unité , un centre de formation aux technologies de l'information et de la communication, un laboratoire de développement et de test de logiciels, une institution spécialisée dans l'innovation dans l'enseignement supérieur en technologies de l'information et de la communication, un centre d'incubation d'entreprises et des activités connexes dans le domaine des technologies de l'information et de la communication et du secteur de l'innovation ;

7° un investisseur enregistré autorisé et régulé à opérer en tant qu'une entité de gestion de fonds, de fonds d'investissement collectif, de gestion du patrimoine, de conseil financier, de gestion de patrimoine familial, d' administrateur de fonds, de technologie financière, des régimes d'assurance captive, de banque privée, de financement hypothécaire, de crédit-bail, de titrisation adossés à des actifs, réassurance, et de prestataire de

ashamikiyeho, banki y'abikorera, ikigo gitanga inguzanyo yo kugura umutungo utimukanwa, ikigo cy'ubucuruzi gitanga serivisi z'imari ku ikodeshagurisha, inyandiko z'agaciro zishingiwe, isosiyete yishingira abishingizi, n'ibigo bitanga serivisi zo gucunga iby'abandi no kugira inama ibindi bigo;

8º umushoramari wanditswe ugira uruhare mu bikorwa by'ubwubatsi bw'amazu y'amacumbi aciriritse wujuje ibishingirwaho biteganywa n'amategeko abigenga;

9º umushoramari wanditswe ukora ishoramari rigira uruhare mu ikoreshwa ry'ikinyabiziga gikoresha ingufu z'amashanyarazi amaze kuzuza ibisabwa biteganywa n'amategeko abigenga;

10º umushoramari wanditswe ufite umushinga w'ishoramari rigira uruhare mu bukerarugendo bwo gutembera, mu bukerarugendo bushingiye ku buhinzi nyuma yo kuzuza ibisabwa biteganywa n'amategeko abigenga;

11º umushoramari wanditswe mu rundi

corporate service providers;

8° a registered investor involved in the construction of affordable houses and upon fulfilling the criteria provided for by relevant laws;

9° a registered investor with an investment involved in electric mobility and upon fulfilling the criteria provided for by relevant laws;

10° a registered investor with an investment project involved in adventure tourism and agriculture tourism and upon fulfilling the criteria provided for by relevant laws;

11° an investor registered in another

services fiduciaire ;

8° un investisseur enregistré impliqué dans la construction de logements abordables remplissant les critères prévus par la législation en la matière ;

9° un investisseur enregistré ayant un investissement dans la mobilité électrique et après avoir rempli les critères prévus par la législation en la matière ;

10° un investisseur enregistré ayant un projet d'investissement impliqué dans le tourisme d'aventure et tourisme agricole et en remplissant les critères prévus par la législation en la matière ;

11° un investisseur enregistré dans tout

rwego rw'ubukungu rwitabwaho mbere y'izindi rwagenwa n'Iteka rya Minisitiri.

**V. Igipimo cy'umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku ishoramari ryohereza mu mahanga**

Ibipimo by'umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku ishoramari ryohereza mu mahanga bikurikira bikurikizwa ku bashoramari banditswe bohereza ibicuruzwa na serivisi mu mahanga:

1 º makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku mushoramari wanditswe wohereza hanze nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'umusaruro wose w'ibicuruzwa na serivisi no munsi ya mirongo itanu ku ijana (50%) by'umusaruro wose w'ibicuruzwa na serivisi;

2 º cumi na gatanu ku ijana (15%) by'umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku mushoramari wanditswe wohereza mu mahanga nibura mirongo itanu ku ijana (50%) by'umusaruro w'ibicuruzwa na serivisi.

priority sector as may be determined by an Order of the Minister.

**V. Preferential corporate income tax rate for export investments**

The following preferential corporate income tax rates for export investments apply to registered investors exporting goods and services:

1 º twenty-five per cent (25%) corporate income tax is applied to a registered investor with at least thirty per cent (30%) of total turnover of goods and services and less than fifty per cent (50%) of total turnover coming from export of goods and services;

2 º fifteen per cent (15%) corporate income tax is applied to a registered investor with at least fifty per cent (50%) of total turnover coming from export of goods and services.

autre secteur prioritaire tel que déterminé par un arrêté du Ministre.

**V. Taux d'imposition préférentiel sur les bénéfices des sociétés pour les investissements dans l'exportations**

Les taux d'imposition préférentiels sur les bénéfices des sociétés pour les investissements dans l'exportation des biens et des services s'appliquent aux investisseurs enregistrés :

1 º vingt-cinq pour cent (25%) de taux d'imposition sur les bénéfices des sociétés est appliqué à un investisseur enregistré qui génère au moins trente pour cent (30%) et moins de cinquante pour cent (50%) de son chiffre d'affaires total dans l'exportation des biens et services ;

2 º quinze pour cent (15%) de taux d'imposition sur les bénéfices des sociétés est appliqué à un investisseur enregistré qui génère au moins cinquante pour cent (50%) de son chiffre d'affaires total dans l'exportation des biens et services.

Ibyemezo bishishikariza ishoramari byavuzwe haruguru mu gika cya mbere bikurikizwa ku bashoramari banditswe kandi bujuje ibisabwa mu gihe kitarenga imyaka itanu (5) uhereye ku mwaka wa mbere batangiye kohereza mu mahanga nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'umusaruro wose mu bicuruzwa na serivisi. Kwemererwa mu mwaka runaka bikorwa hagendewe ku ngano y'ibyoherejwe mu mahanga muri uwo mwaka.

Ibipimo byavuzwe mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo ntibikurikizwa ku bohereza mu mahanga amabuye y'agaciro atatunganyijwe, icyayi n'ikawa bitongerewe agaciro.

**VI. Isonerwa ry'imisoro n'amahoro ya gasutamo ku bintu bikoreshwa ahantu hatunganyirizwa ibyoherezwa mu mahanga**

Umushoramari wanditswe ushora imari mu bintu bikoreshwa ahantu hatunganyirizwa ibyoherezwa mu mahanga asonerwa imisoro n'amahoro bya gasutamo nk'uko biteganywa n'Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za gasutamo.

The above investment incentive in Paragraph One is applicable to eligible investors for a maximum of five (5) years commencing from the first year of exporting at least thirty per cent (30%) of total turnover of goods and services. Eligibility in any given year is determined by exports in that year.

The rates stated in points $1^0$ and $2^0$ do not apply to exporters of unprocessed minerals, tea and coffee without value addition.

**VI. Exemption from customs taxes and duties for products used in export processing zones**

A registered investor investing in products used in export processing zones is exempted from customs taxes and duties in accordance with provisions of the East African Community Customs Management Act.

Les incitants fiscaux visés à l'alinéa premier sont applicables aux investisseurs éligibles pendant une période maximum de cinq (5) ans à compter de la première année à partir de laquelle au moins trente pour cent (30%) du chiffre d'affaires total est généré par l'exportation des biens et services. L'éligibilité pour une année donnée est déterminée en fonction des exportations au cours de ladite année.

Les taux mentionnés aux points $1^0$ et $2^0$ ne s'appliquent pas aux exportateurs des minéraux non transformés, et aux exportateurs de thé et de café sans valeur ajoutée.

**VI. Exonération des taxes et droits de douane pour les produits utilisés dans les zones franches d'exportation**

Un investisseur enregistré qui investit dans des produits utilisés dans les zones franches d'exportation est exonéré des taxes et droits de douane conformément aux dispositions de la Communauté d'Afrique de l'Est portant gestion des douanes.

**VII. Ibyemezo bishishikariza ishoramari mu gukora ibintu na serivisi byujuje ibisabwa ku rwego mpuzamahanga**

Umushoramari muto n'uciriritse cyangwa umushoramari ukizamuka wiyandikishije nk'umushoramari ufite umushinga w'ishoramari ugira uruhare mu kohereza mu mahanga afite uburenganzira bwo kugabanyirizwa imisoro ku rwego rw'ijana na mirongo itanu ku ijana (150%) ku mafaranga akoresha yujuje ibisabwa kugira ngo ibyo akora byuzuze ibipimo byo ku rwego mpuzamahanga harimo:

1 º kwamamaza ku masoko yo mu mahanga n'ibikorwa byo kunoza isura n'imikoranire by'ikigo harimo kwamamaza mu maduka acuruza, kumurika ahantu nyabagendwa, inama zerekeye ubucuruzi mu mahanga;

2 º kwitabira imurikagurisha ry'ubucuruzi mu mahanga ridashyigikiwe n'indi gahunda ihari;

3 º amafaranga yo guteza imbere ubucuruzi mu mahanga;

4 º kwinjira ku isoko n'ibiciro by'ubushakashatsi nk'ibiciro byo

**VII. Incentives for internationalization**

A small and medium investor or emerging investor registered as an investor with an investment project involved in export is entitled to a one hundred and fifty percent (150%) tax deduction of all qualifying expenditures relating to internationalisation including:

1 º overseas marketing and public relations activities including launch of in-store promotions, road shows, overseas business or trade conferences;

2 º participation in overseas trade fairs not supported by another existing initiative;

3 º overseas business development costs;

4 º market entry and research costs such as costs of establishing a legal entity in a

**VII. Incitants pour l'internationalisation**

Un petit et moyen investisseur ou investisseur émergent enregistré en tant qu'investisseur ayant un projet d'investissement lié à l'exportation a droit à une déduction fiscale de cent cinquante pour cent (150%) de toutes les dépenses admissibles liées à l'internationalisation, y compris :

1 º des activités de marketing et de relations publiques à l'étranger, y compris le lancement de promotions en magasin, les expositions itinérantes, les conférences commerciales à l'étranger ;

2 º la participation à des foires commerciales à l'étranger qui ne sont pas soutenues par une autre initiative existante ;

3 º des coûts de développement des entreprises à l'étranger ;

4 º des coûts d'entrée sur le marché et de recherche, tels que les coûts

kubona ubuzimagatozi ku masoko y'amahanga, amafaranga y'imishahara y'abakozi bakorera ku masoko yo mu mahanga, gusesengura amahirwe ari ku isoko, uruhererekane mu kongerera agaciro ibicuruzwa n'ibisabwa mu kwemererwa gukorera ku isoko.

Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, amaze kugisha inama Umuyobozi w'Urwego, yemeza amafaranga akoresha yujuje ibisabwa kugira ngo ibyo akora byuzuze ibipimo byo ku rwego mpuzamahanga.

Abashoramari banditswe bujuje ibisabwa babanza kwemererwa ko amafaranga bakoresha yujuje ibisabwa bikozwe mu buryo buhuriweho n'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, Urwego na minisiteri ishinzwe ubucuruzi.

Umushoramari wanditswe wujuje ibisabwa ashobora gusaba kugabanyirizwa imisoro ku kigero kitarenga amadolari y'Amerika ibihumbi ijana (100.000 USD) y'amafaranga akoresha yujuje ibisabwa buri mwaka.

**VIII. Gukurirwaho gutanga umusoro ku nyungu z'amasosiyete mu gihe cy'imyaka irindwi (7)**

Umushoramari wanditswe, uretse

foreign market, salary costs of employees stationed in foreign market, analysis of market opportunities, supply chain and entry requirements.

The Commissioner General of Rwanda Revenue Authority in consultation with the Head of the Board approves qualifying expenditures relating to internationalisation.

Eligible registered investors receive pre-approval of qualifying expenditures through a joint review process administered by the Rwanda Revenue Authority, the Board, and the Ministry in charge of trade.

An eligible registered investor may claim the tax deduction on a maximum of one hundred thousand United States Dollars (USD 100,000) of qualifying expenditures in each year.

**VIII. Corporate income tax holiday of up to seven (7) years**

A registered investor, except for investors in

d'établissement d'une entité juridique sur un marché étranger, les coûts salariaux des employés en poste sur le marché étranger, l'analyse des opportunités du marché, la chaîne d'approvisionnement et les conditions d'entrée.

Le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes en consultation avec le responsable de l'Office approuve les dépenses admissibles liées à l'internationalisation.

Les investisseurs enregistrés éligibles reçoivent une approbation préalable des dépenses admissibles par voie d'un processus géré par l'Office Rwandais des Recettes, l'Office et le ministère chargé du commerce.

Un investisseur enregistré éligible peut demander une déduction d'impôt des dépenses admissibles pour chaque année équivalente au maximum à cent mille dollars américains (100.000 USD).

**VIII. Exonération fiscale sur les bénéfices des sociétés pendant sept (7) ans**

Un investisseur enregistré, à l'exception des

abashoramari mu mari bwite no mu ishyingu shingiro ry'ishoramari, ushoye ibihwanye nibura n'amadolari ya Amerika miliyoni mirongo itanu (50.000.000 USD) kandi ibingana nibura na mirongo itatu ku ijana (30%) y'icyo gishoro ari ibye bwite akurirwaho gutanga umusoro ku nyungu z'amasosiyete mu gihe kitarenga imyaka irindwi (7). Ayo madolari ya Amerika miliyoni mirongo itanu (50.000.000 USD) ashorwa yose mu gihe kitarenze imyaka irindwi (7). Gukurirwaho gutanga umusoro ku nyungu z'amasosiyete bitangirana n'umwaka wa mbere ukurikira uwo amadolari ya Amerika miliyoni mirongo itanu (50.000.000 USD) yashorewemo:

1 º imishinga yo gutanga ingufu zingana nibura na megawati makumyabiri n'eshanu (25MW). Iki gikorwa gishishikariza ishoramari ntikireba umushoramari wanditswe wagiranye amasezerano na Guverinoma y'u Rwanda yerekeranye n'amasoko ya Leta muri iki gikorwa, akorwa mu izina ryayo n'iry'umushoramari ukora ibikorwa byo kubyaza ingufu akoresheje ibikomoka kuri peteroli;

2 º gutunganya ibintu mu nganda;

private equity and venture capital, investing an equivalent of at least fifty million United States Dollars (USD 50,000,000) and contributing at least thirty per cent (30%) of this investment amount in form of equity in the sectors specified below is granted to a maximum of seven (7) year corporate income tax holiday. The fifty million United States Dollars (USD 50,000,000) are fully invested within a maximum period of seven (7) years. The corporate income tax holiday commences from the first year following the year in which the fifty million United States Dollars (USD 50,000,000) has been fully invested:

1 º energy projects producing at least twenty-five megawatts (25 MW). This incentive excludes a registered investor having an engineering procurement contract executed on behalf of the Government of Rwanda and fuel produced energy;

2 º manufacturing;

investisseurs en capital-investissement et en capital-risque, qui investit l'équivalent d'au moins cinquante millions de dollars américains (50.000.000 USD) et dont au moins trente pour cent (30%) de cet investissement est sous forme de capitaux propres dans les secteurs indiqués ci-dessous se voit accorder une dispense fiscale sur les bénéfices des sociétés pendant sept (7) ans maximum. Les cinquante millions de dollars américains (50.000.000 USD) sont investis en totalité pendant les sept (7) ans. L'exemption de l'impôt sur les bénéfices des sociétés commence à partir de la première année qui suit l'année durant laquelle les cinquante millions de dollars américains (50.000.000 USD) ont été investis en entier :

1 º Les projets d'énergie produisant au moins vingt-cinq mégawatts (25 MW). Cet incitant fiscal exclut l'investisseur enregistré ayant un contrat de marché public d'ingénierie exécuté au nom du Gouvernement du Rwanda et il exclut l'investisseur dans la production d'énergie sur base des produits pétroliers ;

2 º la fabrication;

3 º ubukerarugendo;

4 º ubuzima;

5 º ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi ushora imari mu gutanga serivisi, gukora ibicuruzwa cyangwa guteranya ibikoresho. Iki cyemezo gishishikariza ishoramari ntikireba itumanaho, ubucuruzi bwo kudandaza cyangwa kuranguza ibyerekeye itumanaho n'ikoranabuhanga n'imirimo yo gusana ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga;

6 º imishinga y'ishoramari igamije kohereza ibicuruzwa mu mahanga;

7 º umushoramari wanditswe mu rundi rwego rw'ubukungu rwitabwaho mbere y'izindi rwagenwa n'iteka rya Minisitiri.

**IX. Gukurirwaho gutanga umusoro ku nyungu z'amasosiyete mu gihe cy'imyaka itanu (5)**

Umutunganyantara w'ibyanya byo guhanga udushya byihariye cyangwa ibyanya byihariye mu by'inganda akurirwaho gutanga umusoro ku nyungu z'amasosiyete mu gihe ntarengwa

3 º tourism;

4 º health;

5 º information and communication technology with an investment involving manufacturing, assembly and service. This incentive excludes communication, information and communication technology retail and wholesale trade and information and communication technology repair companies or enterprises and telecommunication companies;

6 º export related investment projects;

7 º an investor registered in another priority sector as may be determined by an Order of the Minister.

**IX. Corporate income tax holiday of up to five (5) years**

A specialized innovation park developer or a specialized industrial park developer is entitled to a corporate income tax holiday of a period of five (5) years maximum from the

3 º le tourisme ;

4 º la santé ;

5 º les technologies de l'information et de la communication avec un investissement dans les domaines de la fabrication, le montage et les services. Cette incitation exclut la communication, le commerce de détail et de gros dans les technologies de l'information et de la communication, et les sociétés ou entreprises de réparation et les compagnies de télécommunications ;

6 º les projets d'investissement axés sur l'exportation ;

7 º un investisseur enregistré dans un autre secteur prioritaire tel que déterminé par un arrêté du Ministre.

**IX. Exonération fiscale sur les bénéfices des sociétés pendant cinq (5) ans**

Un promoteur du parc d'innovation spécialisé ou un promoteur du parc industriel spécialisé a droit à une exonération fiscale sur les bénéfices des sociétés pendant une période

kingana n'imyaka itanu (5) uhereye ku mwaka wa mbere umushinga winjije amafaranga agaragaza inyungu bwite.

Ibigo by'imari iciriritse byemewe bikurirwaho gutanga umusoro ku nyungu z'amasosiyete mu gihe cy'imyaka itanu (5) uhereye ku munsi byemereweho. Icyakora, icyo gihe gishobora kongerwa mu gihe ibyo bigo byujuje ibiteganywa n'Iteka rya Minisitiri.

### X. Umusoro ufatirwa kuri zeru ku ijana (0%)

Umusoro ufatirwa kuri zeru ku ijana (0%) ukurikizwa ku nyungu ku migabane zishyuwe abanyamigabane, ku nyungu zikomoka ku nguzanyo no ku nyungu zikomoka ku mutungo mu by'ubwenge byishyurwa n'abashoramari banditswe barebwa n'umusoro ku nyungu z'amasosiyete ungana na cumi na gatanu ku ijana (15%) na gatatu ku ijana (3%) hakurikijwe ibivugwa mu cyiciro cya II n'icya IV igika cya 7 by'uyu mugereka.

### XI. Umusoro ufatirwa wa gatanu ku ijana (5%)

Umusoro ufatirwa wa gatanu ku ijana (5%) ukurikizwa ku migabane ku nyungu

first year that the project makes a positive net income.

Licensed microfinance institutions are entitled to a corporate income tax holiday of a period of five (5) years from the date of their license. However, this period may be renewed upon fulfilling conditions prescribed in the Order of the Minister.

### X. Preferential withholding tax of zero per cent (0%)

A preferential withholding tax of zero per cent (0%) is applicable to dividends, interest and royalties paid by investors benefiting from preferential corporate income tax of fifteen per cent (15%) and three per cent (3%) pursuant to section II and IV paragraph 7 of this annex.

### XI. Preferential withholding tax of five per cent (5%)

A preferential withholding tax of five per cent (5%) is applicable to dividends and interest

maximum de cinq (5) ans la première année où le projet génère un revenu net positif.

Les institutions de microfinance agréées ont droit à une exonération fiscale sur les bénéfices des sociétés pendant une période de cinq (5) ans à partir du jour de leur agrément. Toutefois, cette période peut être renouvelée après avoir rempli les conditions prescrites par un arrêté du Ministre.

### X. Taux préférentiel de de zéro pour cent (0%) de la retenue à la source

Un taux préférentiel de de zéro pour cent (0%) de la retenue à la source est applicable sur les paiements des dividendes, des intérêts et des redevances payés par les investisseurs bénéficiaires du taux d'imposition préférentiel de quinze pour cent (15%) et de trois pour cent (3%) sur les bénéfices des sociétés tels que définis aux Sections II et IV alinéa 7 de la présente annexe.

### XI. Taux préférentiel de cinq pour cent (5%) de la retenue à la source

Un taux préférentiel de cinq pour cent (5%) de la retenue à la source est applicable aux

n'ibyaturutse ku nyungu byishyuwe umushoramari washoye imari mu isosiyete yemewe ku Isoko ry'Imari n'Imigabane ry'u Rwanda.

**XII. Umusoro ufatirwa w'icumi ku ijana (10%)**

Umusoro ufatirwa w'icumi ku ijana (10%) ukurikizwa ku batunganyantara b'ibyanya byihariye byo guhanga udushya cyangwa ibyanya byihariye mu by'inganda ku nyungu ku nguzanyo z'amahanga, ku nyungu ku migabane zishyurwa abanyamigabane, inyungu zikomoka ku mutungo mu by'ubwenge no ku kiguzi cya serivisi, harimo amafaranga y'ikiguzi cya serivisi y'imicungire n'iya tekiniki.

**XIII. Ibyemezo bishishikariza abatunganyantara b'ibyanya byihariye byo guhanga udushya n'ab'ibyanya byihariye mu by'inganda**

1º Umutunganyantara w'ibyanya byihariye byo guhanga udushya cyangwa w'ibyanya byihariye mu by'inganda asonerwa kwishyura umusoro ku mutungo mu gihe kingana n'imyaka itanu (5) uhereye ku munsi

income paid to an investor investing in a company listed on the Rwanda Stock Exchange.

**XII. Preferential withholding tax of ten per cent (10%)**

A preferential withholding tax of ten per cent (10%) is applicable to specialised innovation park developers or specialised industrial park developers on interest on foreign loans, dividends, royalties, and a service fees, including management and technical service fees.

**XIII. Incentives for specialized innovation park developers and specialized industrial park developers**

1 º A specialised innovation park developer or a specialised industrial park developer is exempted from paying property tax for a period of five (5) years from the date of issuance of the construction permit.

dividendes et intérêts payés à un investisseur qui investit dans une société cotée à la Bourse du Rwanda.

**XII. Taux préférentiel de dix pour cent (10%) de la retenue à la source**

Un taux préférentiel de dix pour cent (10%) de la retenue à la source est applicable aux promoteurs du parc d'innovation spécialisé ou aux promoteurs du parc industriel spécialisé sur les intérêts, les prêts étrangers, les dividendes et les redevances, y compris les frais de service de gestion et services techniques.

**XIII. Incitants pour les promoteurs du parc d'innovation spécialisé et les promoteurs du parc industriel spécialisé**

1° Un promoteur du parc d'innovation spécialisé ou un promoteur du parc industriel spécialisé est exonéré du paiement de la taxe foncière pendant une période de cinq (5) ans à partir du jour de la délivrance du permis de

yahereweho uruhushya rwo kubaka.

2º Umutunganyantara w'icyanya cyihariye cyo guhanga udushya cyangwa uw'icyanya cyihariye mu by'inganda asonerwa kwishyura amafaranga yo guhererekanya uburenganzira ku mutungo w'ubutaka mu gihe uhererekanya uburenganzira ku mutungo afite imigabane ihwanye n'agaciro k'imitungo itimukanwa ihererekanyijwe.

3º Umutunganyantara w'ibyanya byihariye byo guhanga udushya cyangwa w'ibyanya byihariye mu by'inganda yemerewe kugumana imisoro yahombye mu gihe habaye ihinduka ry'uburenganzira ku mutungo w'imari shingiro cyangwa uburenganzira bwo gutora burenga makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) mu mwaka runaka. Iki cyemezo gishishikariza ishoramari cyubahirizwa iyo ibi bikurikira byujujwe:

a) ihinduka ry'uburenganzira ku mutungo w'imari shingiro ribayeho mu gihe cy'iyubakwa mbere y'uko umutungo utangira gukoreshwa no kubyara inyungu;

